# 200: Umwam'agaby'ingabo ze

1. Umwam'agaby'ingabo ze Kurwana n'ibyaha.
   Umugaba n' Umwana we : intwari ye ni nde?

2. Wikorer' umusaraba,Ugendane na We. Mufatany' imibabaro, Nuk' ub' intwari ye!

3. Sitefano yakubiswe Kubw' uwo Mwami we, Yasabirag' abanzi be, Ubwo bamwicaga.

4. Ubwo yar' agihagaze,Yabay' intwari ye; Bamwicishij' amabuye, Areba mw ijuru.

5. Batwikwaga mu muriro, Baranababambwaga. Dukurikiz' urugero Rwiza baduhaye!

6. Bajugunyirwag' intare, Zikabatanyura. Babicishaga n'inkota : N' intwari za Yesu.

7. Non' izo ntwari za Yesu Zageze mw ijuru ! Dore zigos' intebe ye; Ziramusingiza!

8. Zaciye mu mibabaro, Zizamukirayo. Mwam'udufashe natwe ngo Duc'aho baciye.

Visit us at burundi.indirimbo.com